# Project 10

# KURENGERA IBIDUKIKIJE TURONDEREZA IBICANWA

Support for the Community-Based Natural Resource Management (CBNRM) Plan Kinigi Area, Rwanda project development plan: KURENGERA IBIDUKIKIJE TURONDEREZA IBICANWA was provided by the:

CENTRAL AFRICAN REGIONAL PROGRAM FOR THE ENVIRONMENT (CARPE/USAID), VIRUNGA FOCAL AREA, DEMOCRATIC REPUBLIC OF CONGO AND RWANDA: a WWF led Consortium, including WCS, SNV and AWF, made possible with the generous support of the American People

**Izina ry'umushinga :** Kurengera ibidukikije turondereza ibicanwa

**Umwirondoro wa nyiri umushinga :**

Izina rya nyiri umushinga : UBUDEHE mu murenge wa Nyange

**Aho umushinga uzakorera**

Utugari dutatu : Ninda, Muhabura na Kabeza two mu murenge wa Nyange, Akarere ka Musanze, Intara y'Amajyaruguru. Utwo tugari uko ari dutatu turi mu murenge wa Nyange, mu majyaruguru duhana imbibi na PNV, amajyepfo hari umurenge wa Cyuve, iburasirazuba hari umurenge wa Gahunga mu Karere ka Burera, iburengerazuba hari akagari ka Cyivugiza ko mu murenge wa Nyange n'umurenge wa Kinigi.

Akagari ka Muhabura gafite ubuso bungana na km2 8, gafite abaturage 3942 : abagabo 1928 n'abagore 2014. Akagari ka Ninda gafite ubuso bwa km2 12, gafite abaturage 4206: abagabo 1896 n'abagore 2310. Akagari ka Kabeza gafite ubuso bwo km2 9, gafite abaturage 3728: abagabo 1719 n'abagore 2009.

Abaturage bo mu tugari twose uko ari dutatu (Ninda, Kabeza, Muhabura) ni 11876. Ubuso bw'utugari dutatu bungana na km2 29. Utu tugari turangwa n'ubutaka bwera ibirayi, amasaka, ibishyimbo n'ibigori, tukagira amashyamba ahagije kandi 90% by'abaturage b'utwo tugari ntibafite uburyo bwo kurondereza ibicanwa.

**Gusesengura ikibazo**

| *Ikibazo* | *Kigaragara gite ?* | *Impamvu zitera ikibazo* | *Gusabanura aho umushinga uhurira n'ikibazo* |
|---|---|---|---|
| Kubura ibicanwa | ▪ Kigaragara iyo abaturage bagiye guca inkwi muri pariki (PNV)<br>▪ Iyo ubonye abaturage batema ibiti bidakuze bagamije gucamo inkwi<br>▪ Iyo ubona abana baretse kujya kwiga bakiririrwa babunga mu dushyamba bashaka inkwi | ▪ Kubw'utwo tugari dutuwe n'abaturage benshi bafite ubutaka buke ku buryo badateramo ibiti<br>▪ Kuba abaturage b'utwo tugari badafite ubumenyi buhagije bwo gushaka ibicanwa bisimbura inkwi | Umushinga uzakemura ikibazo cyo kubura ibicanwa kuko hazakoreshwa bikeya |

**Icyo umushinga ugamije**

**Intego rusange:** Abaturage b'akagari ka Muhabura, Kabeza na Ninda batagiraga ibicanwa bigatuma bajya muri pariki bafite ibicanwa bihagije, bazi n'akamaro ko kubungabunga pariki n'andi mashyamba.

**Intego zihariye**

(a) Ubumenyi bw'abaturage mu kurondereza ibicanwa bwariyongereye kugera kuri 60%
(b) Abaturage bafite rondereza n'ubumenyi mu kuzibubakira
(c) Abaturage bamenye irindi koranabuhanga mu gukoresha ibindi bicanwa.

**Urugero** : Gucana ibishariro bituruka ku ibarizo), Gucana ukoresheje nyiramugengeri, Gucana umurana w'amasaka cyanga ingano.

**Ibizagerwaho**

<u>Mu gihe gito</u>

Abaturage bazahugurwa ni 11876 mu gihe cy'amezi atatu

- Mu kwezi kwa mbere hazahugurwa 3580
- Mu kwezi kwa kabiri hazahugurwa 3764
- Mu kwezi kwa gatatu hazahugurwa 4536

<u>Mu gihe giciriritse</u>

- Gushaka ibikoresho mu gihe cy'amezi ane
- Hazubakirwa abaturage 60% rondereza mu gihe cy'amezi cumi n'abiri cy'umwaka
- Abana bagera kuri 7% bari barataye amashuri bazasubira kwiga.

**Ibikorwa**

- Amanama yo gushishikariza abaturage kubaka rondereza no kubigisha ikoranabuhanga ry'ibindi bicanwa
- Gukora ingendo shuri
- Gushaka abaterankunga
- Kugura ibumba n'amatafari
- Kubaka rondereza
- Gutora komite izakurikirana ibyo bikorwa

## Iteganyabikorwa

| Ibikorwa | Uzakurikirana ibikorwa | Igihe bizakorerwa | | | | | | | | | | | | Aho bizakorerwa | Ibizakenerwa | Amafaranga bizatwara |
|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|---|
| | | 1 | 2 | 3 | 4 | 5 | 6 | 7 | 8 | 9 | 10 | 11 | 12 | | | |
| Amanama yo gushishikariza abaturage kubaka rondereza no kubigisha ikoranabuhanga y’ibindi bicanwa | Komite y’ubudehe | x | x | x | | | | | | | | | | Ku biro bya buri kagari | Impapuro (30)<br>Ikaramu (1)<br>Ibibuga byo gukoreraho inama | 300<br>100 |
| Ingendo shuri z’abazubaka ayo mashyiga | President w’ubudehe | | | | x | | | | | | | | | Mu karere ka Kirehe | Abantu 10 | 146 000 |
| Gushaka abaterankunga | Komite y’ubudehe | x | x | | | | | | | | | | | Mu karere ka Musanze | Imodoka 1 | |
| Kugura ibumba n’amatafari | Komite y’ubudehe | | | | x | | | | | | | | | Mu karere ka Musanze, Burera, Nyabihu | Ibumba, amatafari, amabuye, isima, abakozi | 5 880 000 |
| Kubaka rondereza | | | | | | | x | x | x | x | x | x | x | Mu tugari Muhabura, Ninda, Kabeza | | 2 849 000 |
| Gutora komite izakurikirana ibyo bikorwa | Komite y’ubudehe n’inzego z’ibanze | | | | x | | | | | | | | | Aho amanama abera Ninda, Kabeza, Muhabura | | |

**Kugaragaza uruhare umushinga uzagira**

**Ku bidukikije**

- Umushinga uzatuma amashyamba agumya gusugira kuko abaturage batuye aho hantu bazaba bacyonona ibiti bidakuze.
- Umushinga uzatuma abajyaga gututira ibiti by'inkwi muri pariki babireka.

**Kuri gender**

- Imvune ku bagore n'abana zizagabanuka
- Umushinga uzatuma uzatuma umutungo wasesagurwaga ku nkwi ugabanuk, ubukungu cyangwa umutungo bwiyongere
- Kubera rondereza zizaba zihari abagore birirwaga bicaye iruhande w'inkono bazakora indi mirimo yateza imie=ryango yabo imbere kuko rondereza idasaba guteka wicaye iruhande rwayo.

**Uburambe bw'umushinga**

a. Umushinga wo kwita ku bidukikije no kurondereza ibicanwa uzagira uburambe ariko abana bataga amashuri kubera imirimo yo kwirirwa bazerera mu mashyamba bashaka inkwi izaba yaravuyeho.
b. Nyuma y'umushinga amashyamba yatemwaga adakuze azaba amaze kuba menshi kandi akuze
c. Nyuma y'umushinga abaturage bo mu tugari twa Ninda, Kabeza na Muhabura bazaba baramenye neza uburyo bwo kuronderera ibicanwa kuko bazaba bakoresha rondereza.

**Ingengo y'imari**

| Ibikorwa | Ibizakenerwa | | | Aho bizaturuka | Igihe bizamara |
|---|---|---|---|---|---|
| | **Ibyo ari byo** | **Agaciro ka kimwe** | **Agaciro ka byose** | | |
| 1. Amanama | Impamuro 30<br>Ikaramu 1 | 10<br>100 | 300<br>100 | Komite y'ubudehe | Amezi 3 |
| 2. Ingendoshuri | Amafaranga y'urugendo y'abantu 10 | 14.600 | 146.000 | Umuterankunga | Ukwezi kwa kane 2009 |
| 3. Gushaka abaterankunga | - | - | - | - | - |
| 4. Kugura ibumba | Imodoka 6 | 35 000 | 210 000 | Umuterankunga | Kuva mu kwa 1 kugeza mu kwa kabiri 2009 |
| 5. Kugura amatafari | Imodoka 42 | 135 000 | 5.670 000 | Umuterankunga | Ukwezi kwa kane 2009 |
| 6. Gushaka amabuye | Amabuye 71.250 | Ibuye 1 = 20 Fr | 1.425 000 | Uruhare rwa nyiri umushinga | Mu kwezi kwa kane 2009 |
| 7. Kubaka rondereza | Abafundi 712 | 2 000 ku munsi | 1 424 000 | Umuterankunga | Mu mezi 6 |
| **TOTAL** | | | **8 875 400** | | |

| | |
|---|---|
| Umushinga wose uzatwara | 8 875 400 Frw |
| Uruhare rwa nyiri umushinga | 2.218.850 Frw |
| Uruhare rw'umuterankunga | 6.656.550 Frw |